Ihame ry'umusaruro mu Byiyumviro

"Urugo rutabamo inka rubamo isuku, Ariko intege z'inka zihinga zitera kunguka." Imigani 14:4

Byandistwe na rwiyemezamirimo, John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Ibyiyumviro bisa nkibi tagikoreshwa. Turamutse twumvise agaciro bifite maze tukabikoresha mu buzima bwacu, tuzaba twize byinshi. Ubuzima ntabwo bubereyeho kugora bene bwo. Ahubwo ibi biterwa nuko tuba twitaje ibyiyumviro byacu maze tukarema icyuho mu ubuzima nuko tugahuzagurika. Ibyiyumviro ni igicumbi cy' ubwenge, gutekereza mu buryo bufatika cg amahurizo yoroheje. Bityo rero amaherezo y'ibyiyumviro n'ubwenge bufatika. Umwana w'ikirara yatakaje ibyiyumviro bye kugeza ubwo yasangiraga n'ingurube. Ariko amaze gushyira ibyiyumviro bye ku gihe yasubiye mu rugo iwabo. Rimwe na rimwe turiga tukaminuza maze ugasanga ntidushobora gutekereza mu buryo bworoshye. ibyiyumviro ni kimwe mu bushobozi bwo tugira bidufasha kwiga ibibazo maze tukana bikemura. Ubumenyi ni ingenzi, ariko iyo budafite ibyiyumviro butakaza agaciro gakomeye. Mu gihe twerekeje inzozi zacu hamwe ni intego ku byiyumviro icyo gihe inzozi zacu ziyongera amahirwe yo gusohora. Bitihise, inzozi zizahora zisinziriye.

Ibyiyumviro ni uburyo tumenyereye cyangwa ibintu tumenyereye; usanga rero bitandukanye ku bantu. Akenshi batwigisha uko dukora ibintu mu buryo runaka. Maze ugasanga turabimenyereye, kugeza ubwo umuntu avumbura uburyo bunoze bwo kubikora. Ibyiyumviro rero bikatwigisha kandi, " guhindura imigenzo yacu." Kimwe rero, nuko umuco w'igihugu ushobora kwihanganira bituga, kubeshya hamwe no gushukana.Ibyiyumviro, nyamara, bidusaba kutabikora kuko biba bidahwitse kandi byatubabaza nka bantu ndetse n'umuryango tubarizwamo. Bityo rero ibyiyumviro bishobora kuba ingeso cg umuco wacu, dore ko bishobora kubangamira imikurire yacu maza ugasanga duheranywe n'umuco. Rimwe na rimwe usanga imyemerere yacu ibangamira iterambere ryacu, kuko twanga gukurikiza ukuri cg ibyiyumviro.

Ikinyuranyo cy'ibyiyumviro ni ubupfapfa cg kutemera vuba. Ese byaba ari kangahe wumvise umuntu avuga ngo , "nari umupfapfa," bivuze ko yari umuntu wari waribuze? Turamutse dukurikije icyo tuzi ko gikwiye, ibyo ni ibyiyumviro, kuko mu migani iravuga ngo, " umuntu ujarajara akava mu nzira y'ubwenge, azaba mu iteraniro ry'abapfuye" (Imigani 21:16). Imigambi yacu usanga yinangira cyane bityo tukibagirwa kumvira umutima wacu, dore ko uba udusaba gukoresha ibyiyumviro. Tugomba kwibuka ko intekerezo zacu zishobora kuzura ibintu maze natwe tukibura maze tukikanga twakoze amafuti. Imana yaduhaye ubushobozi bwo kwibaza, ku rundi ruhande ikatwibutsa gukoresha ibyiyumviro byacu. Imigambi itagira umuyobora w'ibyiyumviro ni nka mategeko atagira impuhwe, amahirwe ya kabiri, cg ubuzima butagira kubabarira. Nta muryango, umurimo cg igihugu cyabaho kitagira uyu muyoboro nk'imwe mu ngamba mw' igenamigambi. Ibyumviro bizagusaba impinduka cyangwa kwikosora mu nzira yo kwiyubaka. Nibwo buryo bw'Imana bwo kuringaniza imigambi yacu ni yayo, bizaturinda kutsindwa. Ibyiyumviro biduha:

1. Ibitekerezo bifatika hamwe n'ubwenge butyaye.

2. Ibitekerezo bifungutse.

Mu buzima busanzwe, turabara kandi tukana reba ibintu. Ibi bigomba kurema ibyiyumviro muri twe—rimwe na rimwe byitwa "amakenga." Tugomba kumvira aya makenga.Ashobora kutaba ukuri akenshi, ariko kandi ashobora kuba atuburira yuko twinjiye ahantu tutazi. Bityo tugakoresha kwizera cyangwa ubwoba mu gihe turi aho hantu. Aha rero niho tugomba kwiyambaza ibyiyumviro kugira ngo bitubwire icyo gukora ndetse biturinde inzira zirimo imitego.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Twese twavutse amaso yacu ahumirije n'umunwa ubumbuye, ibi bizafata igihe kinini kubihindura.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	K	G	K	G	G	C			

Completed ☐ Not completed ☐